**GS St Albert Rilima Catholique**

# Ikinyarwanda Umwaka wa 1

## Byateguwe na

**MWALIMU GASANA Alexandre**

21

## IZINA NI IKI?

**Izina**ni ijambo bita umuntu, ikintu, ahantu cyangwa uburyo, rikabiranga ndetse rikabitandukanyan'ibindi.

**Ingero**:

- Umugabo (umuntu)
- Igiti(ikintu)
- Rwanda(ahantu)
- Ukwiruka(uburyo)

## AMOKO/IBYICIRO BY'AMAZINA

| | **UBWOKO IBISOBANURO N'INGERO** |
|---|---|
| **Dushingiye ku ntego z'amazina** | **Izina mbonera**: rigira uturemajambo 3 gusa indomo, indanganteko n'igicumbi<br>**Urg:** umugabo:u-mu-gabo |
| | **Izina ry'urusobe**: rigira uturemajambo turenze utw'izina mbonera.<br>**Urg:** umwamikazi: u-mu-ami-kazi |
| **Dushingiye aku nkomoko y'amazina** | **Izina gakondo**: ryahozeho mu rurimi rw'Ikinyarwanda si iritirano.<br>**Urg:** umusozi, umugabo, … |
| | **Izina ry'iritirano:** izina rikomoka mu zindi ndimi mvamahanga.<br>**Urg:**isafuriya, ishati, ipataro, … |

### Izina mbonera gakondo ni iki?

Ni izina ry'umwimerere risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, rikagira uturemajambo dutatu(indomo, indanganteko n'igicumbi).

### Izina mbonera gakondo rirangwa n'iki?

**Izina mbonera gakondo** rirangwa n'uko:

- Riba ari ijambo rimwe(si inyunge y'amagambo menshi, si inyunge y'amazina menshi kandi si inyunge y'izina n'inshiga)
- Riba ari umwimerere(ritaratiriwe mu rundi rurimi)

**Ingero: umuvure, umuhini, ikibabi, umutsima, amazi, …**

# IZINA BWITE N'IZINA RUSANGE.

## Izina bwite ni iki, kandi rirangwa n'iki?

Izina bwite ni ijambo ryitirirwa umuntu, ikintu cyangwa ahantu kikarihorana, rikagitandukanya n'ibindi bihuje ubwoko. Izina bwite rivuga ikintu kimwe kihariye mu buryo butari rusange.

**Izina bwite rero  rirangwa n'uko:**

- Rivuga umuntu, ikintu cg ahantu ryiswe mu buryo bw'umwihariko.
- Mu nyandiko atangizwa inyuguti nkuru, kabone n'iyo ryaba riri hagati mu nteruro.
- Ntirigira ubwinshi.

Ingero: Kamanzi, Kigali, Nyabarongo…

## Izina rusange ni iki, kandi rirangwa n'iki?

Izina rusange, ni ijambo ryitirirwa umuntu, ikintu cg ahantu mu buryo bwa rusange, nta mwihariko uriho, rikagaragaza aho icyo kintu gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko.

**Izina rusange rero rirangwa n'uko:**

- Rivuga umuntu, ikintu cg ahantu ryiswe mu buryo rusange (nta mwihariko w'ikivugwa rigaragaza).
- Mu nyandiko atangizwa inyuguti nto, kereka iyo ritangira nteruro.
- Rishobora kujya mu bwinshi.

# INTEKO Z'AMAZINA

## Inteko y'izinani iki?

Iyo amazina yisanisha mu buryo  bumwe akarema interuro mbonezamvugo idakocamye, ivugitse neza kabone n'ubwo yaba ivuga ibidashoboka ariko ugasanga ayo mazina yasimburana mu nteruro imwe

ntiyice isanisha mbese interuro ikaguma kumvikana, ayo mazina aba ahuje **inteko.**

**Inteko z'amazina** mu Kinyarwanda ni cumi n'esheshatu zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu z'amazina(**mu, ba, mu, mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha)**.

## Inteko z'amazina zirangwa n'iki?

Inteko z'amazina zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu z'amazina. Indanganteko ni akaremajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo. Kuko izina ari ijambo ngengamasano mu nteruro, amagambo menshi yisanisha n'izina afata **indanganteko(Rt)** y;iryo zina ho **indangasano(Rs).**

**Urg:**

- I**ki**bindi **ki**nini **ki**raboneka tura**ki**bona.
- U**ru**rabo **ru**nini **ru**raboneka tura**ru**bona.

| **Inteko ya:** | **Indangant eko** | **Ingero z'amazina** | **Isanisha** |
|---|---|---|---|
| 1(ivuga abantu) | -mu- | umugabo, umukobwa, umusore, … | munini aragaragara turamubona |
| 2 | -ba- | abagabo, abakobwa, abasore, … | banini baraboneka turababona. |
| **3(ivuga ibintu)** | **-mu-** | **umuhini, umutwe, umurimo, …** | **munini, uraboneka, turawubona.** |
| **4** | **-mi-** | **imihini, imitwe, imirimo, …** | **minini, iraboneka, turayibona.** |
| 5 | -ri- | iriba, ishuri, ishami, … | rinini riraboneka, turaribona. |
| 6 | -ma- | amariba, amashuri, amashami, … | manini araboneka turayabona. |
| **7** | **-ki-** | **igisiga, ikibabi, ikirago, …** | **kinini kiraboneka turakibona.** |
| **8(ubwinshi bwa7+amazina adahuje inteko)** | **-bi-** | **ibisiga, ibibabi, ibirago, …** | **binini, biraboneka turabibona.** |
| 9**(amazina atagira ubumwe)** | -n- | intama, intore, indobo, … | nini ziraboneka turazibona. |
| **10(ubwinshi bw'int ya 11)** | **-n-** | **inkwavu, impu, inkweto, …** | **nini ziraboneka turazibona.** |
| **11** | **-ru-** | **urukwavu, uruhu, urukweto, …** | **runini ruraboneka turarubona.** |
| 12 | -ka- | agati, agakayi, akaboko, … | kanini karaboneka turakabona. |
| 13 | -tu- | uduti, udukaye, utuboko, … | tunini turaboneka turatubona. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 14 | -bu- | uburiri, ubukene, ubumwe, … | bunini, buraboneka turabubona. |
| 15(**Rt y'inshinga**) | -ku- | ukuguru, kwiga, ukuboko, … | kunini, kuraboneka turakubona. |
| 16 | -ha- | ahantu, … | hanini haraboneka turahabona. |

## **Ubumwe n'ubwinshi by'amazina**

Ubumwe n'ubwinshi by'amazina y'Ikinyarwanda bugaragazwa n'inteko z'amazina ayo mazina arimo. Ni ukuvuga ko hari inteko z'ubumwe n'iz'ubwinshi.

Amenshi mu mazina y'Ikinyarwanda ajya mu nteko iyi n'iyi mu bumwe, mu bwinshi akajya mu yindi nteko izwi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira .

| MU BUMWE | | MU BWINSHI | |
|---|---|---|---|
| **Inteko za** | **Urugero** | **Inteko ya** | **Urugero** |
| 1 | Umugabo | 2 | abagabo |
| 3 | Umuhini | 4 | Imihini |
| 5 | Iriba | 6 | Amariba |
| 7 | Igisiga | 8 | Ibibindi |
| 9 | Inka<br>Isake | 10<br>6 | Inka<br>Amasake |
| 11 | Urudodo | 10 | Indodo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Urura | 6<br>14 | Amara<br>Ubura |
| 12 | Akanyoni | 13 | Utunyoni |
| 14 | Ubwato | 14<br>6 | Ubwato<br>Amato |
| 15 | Ukuguru | 6 | Amaguru |
| 16 | Ahantu | 16 | Ahantu |

**UBU NI IBIKI NATAHUYE MURI UYU MUTWE?**

Hifashishijwe imyandiko yizwe muri uyu mutwe, natahuye kandi nsobanukirwa ko:

- **Izina mbonera gakondo** ari izina ry'umwimerere kandi risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
- **Izina rusange** ari izina rivuga ikintu muri rusange, nta mwihariko w'ikivugwa, kandi rikandikwa ritangijwe inyuguti nto.
- **Izina bwite** ryo rikavuga umuntu, ikintu cg ahantu ku buryo bwihariye kandi mu nyandiko buri gihe rigatangizwa inyuguti nkuru.
- Ukurikije uko amazina rusange agenda yisanisha mu nteruro, usanga yibumbiye mu **matsinda** 16 bita **inteko z'amazina.** Amazina ahuje inteko y'isanisha mu buryo bumwe bumwe kandi akarema interuro mbonezamvugo.
- Amazina avuga ikintu kimwe rukumbi yerekana **ubumwe** mu gihe avuga ibintu birenze kimwe yo yerekana **ubwinshi.**

## UMUTWE WA 2: IBIYOBYABWENGE MU RUBYIRUKO

### UMUVUGO:Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.

(Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye, igitabo cy'umunyeshuri Pg:26)

### AMAGAMBO MASHYA

**Rwanda rw'ejo:** abana bato cyangwa urubyiruko.
**Mugasizora:** mugahagurukira ikintu runaka ngo byanze bikunze kigerweho.
**Umunyenga:** irere.
**Mukaba isandi:** mugasakuza cyane.
**Guhekura:** kwicira umuntu umwana.

## **Umuvugo ni iki?**

**Umuvugo** ni igihangano cy'ubuvanganzo kinogeye amatwi kubera injyana yumvikanamo.

## **Umuvugo urangwa n'iki?**

Umuvugo ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo urangwa n'ibi bikurikira:

- Injyana ituma uwumva asangamo icyanga nogeramatwi.
- Uba wanditse mu mikarago.
- Buri mukarago utangizwa inyuguti nkuru.
- Ukoresha imvugo izimije kandi itatse inganzo.

## **IZINA**:

## **Akaremajamboni iki?**

**Akaremajambo**ni ikinyabumwe gito k'ijambo gifite inyito ya cyo, akenshi kikaba kidasesengurika.

## **Ni ayahe mazina y'uturemajambo tw'izina.**

Izina mbonera iryo ari ryo ryose rigira uturemajambo dutatu: **indomo(D), indanganteko(RT),** n'**igicumbi(C).**
**Iyo izina rifite RT itagaragara mu mwanya w'iyo ndanganteko hashyirwamo ikimenyetso cya Ø**

1. **Indomo** ni inyajwi itangira izina mu Kinyarwanda. Kugirango indomo iboneke, ushyira impakanyi **nta** cyangwa indangahantu **mu,** imbere y'izina, cyangwa hagakoreshwa akajambo **ki** inyuma y'iryo zina, maze inyajwi itakaye ikaba ari yo ndomo.

**Urg:** nta kigoli, mu makuru, mufuka ki? (indomo kuri aya mazina ni **i, a na u kuko ari zo zatakaye.**)

2. **Indanganteko** ni akaremajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo. Indanganteko ni 16(**mu, ba, mu mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha**). Indanganteko ni ko karemajambo gashingirwaho isanisha.

Urg: **ikigori ki**nini, **ki**za na**ki**bonye **ki**raryoshye.

3. **Igicumbi** ni igice kidahinduka mu gihe tugoragoza izina turisanisha mu nteko zinyuranye.

Urg: iki**goli**, aka**goli**, ibi**goli**, utu**goli**, …

Igice kitahindutse ni **goli** iki gice rero ni cyo gicumbi cy'izina "ikigoli".

## AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI

### Igenamajwi ni iki?

**Igenamajwi** ni ubuhanga bw'ikibonezamvugo bwiga uko amajwi agize uturemajam,bo ahinduka iyo ahuriye mu ijambo cyangwa hagati y'amagambo.

Ntabwo tuvuga dukurikije uturemajambo, bityo rero;

| NTITUVUGA | TUVUGA |
|---|---|
| u-mu-ana | Umwana |
| a-ba-orozi | Aborozi |
| i-n-yira | Inzira |

Urebye uturemajambo twakoreshejwe, ukatugereranya n'uko tuvuga, usanga hari amajwi ashobora.

**Guhinduka:** **u** yahindutse **w,** **y** yahindutse **z.**
**Kuburizwamo:** **a** yaburijwemo.

## NI IBIHE BIMENYETSO N'IMPINE BIKORESHWA MU MATEGEKO Y'IGENAMAJWI?

| Ikimenyetso/Impine | Uko bisomwa |
|---|---|
| J | Inyajwi |
| GR | Ingombajwi y'indagi |
| → | Ihinduka |
| + | **Na** cg **ikurikiwe na …** |
| / | Iyo |
| **-** | Imbere, hagati cg inyuma ya … |
| **Ø** | Iburizwamo |

## IMBONERAHAMWE Y'AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI AJYANYE N'INYAJWI CYANGWA AJYANYE N'INGOMBAJWI.

| IZINA | INTEGO | ITEGEKO |
|---|---|---|
| **Ibyatsi** | **i-bi-atsi** | **i→y/-J** |
| **Umwana** | **u-mu-ana** | **u→w/-J** |
| **Aborozi** | **a-ba-orozi** | **a→ Ø/-J** |
| **Amenyo** | **a-ma-inyo** | **a+i→e** |
| **Icyaha** | **i-ki-aha** | **i→y/-J; ky→cy mu nyandiko** |

| | | |
|---|---|---|
| Uduti | u-tu-ti | t→d/-GR |
| Inzara(z'intoki) | i-n-ara | Igicumbi gifata **z** mu nt.10 |
| Agasaza | a-ka-saza | k→g/-GR |
| Insina | i-n-tsina | t→ Ø/n-s |
| Inzira | i-n-yira | y→z/n- |
| Imfunguzo | i-n-funguzo | n→m/-f |
| Impamba | i-n-hamba | n→m/-h; mh→mp mu nyandiko. |
| Imbeba | i-n-beba | n→m/-b |
| Imfura | In-pfura | n→m/-p; p→ Ø/m-f |
| Indabo | i-n-rabo | r→d/n- |
| Impapuro | i-n-papuro | n→m/-p |
| Inshuti | i-n-cuti | c→sh/n- |

- Muri aya mategeko, uhereye ku rya 1ukageza ku rya 5 ajyanye **n'inyajwi** naho andi asigaye yose ajyanye **n'ingombajwi**.

UBU NTAHUYE KANDI NSOBANUKIWE KO:

- Ibiyobyabwenge birangiza kandi birica, kandi ko dukwiye kurwanya ikoreshwa n'icuruzwa rya byo.
- Umuvugo ari igihamgano kivuga ku nsanganyamatsiko, umuntu cyangwa ikintu runaka. Urangwa no kuba ufite injyana, wanditse mu mikarago yose itangijwe inyuguti nkuru kandi ukoreshwamo imvugo izimijeyiganjemo ikeshamvugo.

- Ugereranyije uturemajambo n'izina ryasesenguwe, usanga hari amajwi yagiye ahinduka, bityo ni ngombwa kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu kurema imivugirwe y'iryo jambo.

## UMUTWE WA 3: IBIDUKIKIJE

## UMWANDIKO: INYAMASWA ZO MU MAZI.

## Amagambo mashya

- **Karahabutaka:** ikintu gifite imbaraga nyinshi cyane.
- **Ryihagazeho**: ridahangarwa.
- **Amadovise**: amafaranga mvamahanga dukoresha duhaha ibyo tutagira iwacu.

**Ubutumwa bw'ingenzi buri mu mwandiko (Ubukesha: buri mwana agomba kugaragaza isomo cg ubutumwa bw'ingenzi yatahuye mu mwaniko.)**

## AMABWIRIZA Y'IMYANDIKIRE

## INYUGUTI NKURU ZIKORESHWA MU BUHE BURYO?

Inyuguti nkuru ikoreshwa aha hakurikira:

1º Mu ntangiriro y‟interuro.
**Ingero**: - Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

2º Nyuma y‟akabago, akabazo n'agatangaro.
**Ingero**:
- Twese duhagurukire kujijuka
- Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.
- Ntoye isaro ryiza shenge wee! Reka njye kuryereka nyogokuru.

3º Nyuma y'ingirwanshinga **'-ti'**, **'-tya'**, **'-tyo'** n'ijambo **'ngo'** bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo.Ariko inyuguti nkuru

ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

**Ingero**:

- Mariya arasubiza ati: ‘**I**byo uvuze bingirirweho’.
- Igihe Mariya yavugaga ati: ‘**b**ingirirweho’, yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

4º Ku nyuguti itangira imibare iranga **iminsi, amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.**

**Ingero**:

- Ku wa Gatanu, ku wa Gatandatu.
- Ugushyingo gushyira Ukuboza
- Mu Rwanda haba ibihe bine by’ingenzi: Urugaryi, Itumba, Iki (Impeshyi) n’Umuhindo.

**5º Ku nyuguti itangira amazina bwite y’abantu, ay’inzuzi n’ay’ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry’ahantu yaba yatakaye.**

**Ingero**:

- Rutayisire atuye i Huye hafi ya Cyarwa.
- Mu Mutara hera ibigori.
- I Washingitoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y’Isi.
- Uwitwa Enshiteni (Einstein) yari umuhanga cyane.

**6º Ku nyuguti itangira amazina y’imirimo, ay’inzego z’imirimo n’ay’amashyirahamwe.**

**Ingero**:

- Bwana Muyobozi w’Akarere
- Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi
- Umuryango w’Abibumbye
- Koperative Dufatanye

**Ingero**: **7º Ku nyuguti itangira amazina y’impamyabushobozi, ay’icyubahiro, ay’inzego z’ubutegetsi, ay’ubwenegihugu n’amoko,**

**ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo 'Igihugu' iyo rivuga u Rwanda.**

- Dogiteri Karimanzira
– Nyakubahwa Perezida wa Repuburika
- Umurenge wa Nyarugenge
- Abanyarwanda barimo Abasinga n'Abagesera
- Dukwiye guteza imbere Ikinyarwanda.
- Mu Ntambara ya Kabiri y'"Isi Yosehapfuye abantu benshi.
- Banki Nkuru y'Igihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu.

**8º Ku nyuguti itangira izina ry'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.**
**Ingero**:
- Nujya mu mugi ungurire Imvaho Nshya.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse Indyoheshabirayi.

**9º Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo ari wo wose, ...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.**
**Ingero**:
- GAHIRE Rose
- UMURISA Keza
- BUTERA Simoni
- Nagiye kwaGahire Rose anyakira neza.

## NI UTUHE TWATUZO TW'IBANZE, KANDI DUKORESHWA DUTE?

Mu Kinyarwanda, tugira utwatuzo tw'ibanze tune. Utwo twatuzo ni: **akabago/akadomo**, **akabazo**, **agatangaro**, n'**akitso.**

1. **Akabago/akadomo** (.): gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

**Ingero**:

- Umwana mwiza yumvira ababyeyi.
- Mpereza icyo gitabo.

2. **Akabazo (?):** gasoza interuro ibaza.

**Ingero**:

- Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?
- Wabonye amanota angahe?

3. **Agatangaro (!):** gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero**:

- Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!
- Ntoye isaro ryiza mama weee!

4.**Akitso (,):** gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

**Ingero**:

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama za mwarimu.

**<u>ISUZUMA RIKOMATANYA</u>**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro mu buryo buboneye.**
   - Amapfa
   - Imivu
   - Isuuri
2. **Shyira inyuguti nkuru aho igomba kujya.**
   a. aho kamana ahageze ati: "turataha nyuma yo kurya. "
   b. yooo! mbega umwana mwiza!
   c. dogiteri rutayisire avuga igifaransa.
   d. rwanda nziza ni indirimbo yubahiriza igihugu.
   e. bwana umuyobozi w'akarere ka huye yatowe muri nzeri.
3. **Vuga amazina y'utwatuzo dukurikira usobanure**

**imikoreshereze yatwo, kandi udukoreshe mu nteruro ngufi ku buryo buboneye.**

a) ,

b) !

## UMUTWE WA 4: UMUCO W'AMAHORO

## UMWANDIKO:UMURAGE W'UMUBYEYI

### Inyunguramagambo

- **Kugira maboko:** kuba munyembaraga.
- **Bura bwange:** bana bange.
- **Abantu ni magiririrane:** abantu barakenerana cyane.
- **Bamufatiye runini**: bamufitiye akamaro.
- **Uzasumbirizwa:** uzahura n'ibibazo agakenera kugobokwa.

**Ubutumwa bw'ingenzi buri mu mwandiko (Ubukesha: buri mwana agomba kugaragaza isomo cg ubutumwa bw'ingenzi yatahuye mu mwaniko.)**

## IGIHEMBWE CYA 2

## AMOKO Y'AMAGAMBO

Iyo duhererekanya ubutumwa, dushobora gukoresha: amagambo, ibimenyetso, imiyego cyangwa amarenga bitewe n'imvugiro. Mu gihe dukoresha amagambo rero ni ngombwa kumenya umumaro n'ubwoko by'ijambo nyakuvuga agiye gukoresha ngo hato adatanga ubutumwa budafututse.

## NI AYAHE MOKO Y'AMAGAMBO?

Mu Kinyarwanda tugira amoko menshi y'amagambo, muri ayo twavuga:

1. **Amazina**: Uwera, Kamanzi, Kigali, umuhungu, …
2. **Ntera**: nziza, nto, mugufi, …
3. **Ibisantera**: mpuzamahanga, nyarwanda, …
4. **Izina ntera**: umunini, abeza, …
5. **Inshinga**: kuvuga, gukama, …
6. **Ibinyazina**: uyu, wange, he?, bangahe?, …
7. **Ibyungo**: na, nka. Ibyunga: cyangwa, uretse ko, boshye, …
8. **Imigereka**: vuba, kera, hakurya, …
9. **Amarangamutima**: yooo! Pe!, …
   **Inyigana**: Pooo! Kacikaci!, …

Aya moko rero agabanyijemo amatsinda abiri manini: **amagambo ahinduka** n'**amagambo adahinduka.**

## AMAGAMBO AHINDUKA ARANGWA N'IKI?

Ijambo bavuga ko riri mu bwoko bw'amagambo ahinduka bitewe n'uko ashobora **guhinduranya inteko bityo akaba yava mu bumwe akajya mu bwinshi**. Muri make tuvuga ko ijambo runaka rihinduka mu gihe rishobora guhindurirwa inteko cyangwa rigafata ubumwe n'ubwinshi.

Duhereye ku magambo duhura na yo mu buzima bwa buri munsi, mu magambo ahinduka dusangamo nk'aya moko akurikira:

**Amazina:** amazi, utuzi, ibizi, …
**Ibinyazina:** byabo, byacu, bye, …
**Ntera:** gato, muto, rito, …
**Ibisantera**: mpimbano, gihimbano, muhimbano, …

## AMAGAMBO ADAHINDUKA ARANGWA N'IKI?

Aya ni amagambo adashobora guhindurirwa inteko, ntiyisanisha n'irindi jambo mu nteruro kandi ntagira ubumwe cyangwa ubwinshi.

<u>**Ingero**</u>:
**Ibyungo/Ibyunga**: na, no, nko, nka, cyangwa, …
**Indangahantu**: ku, mu, i, …
**Inyiganarusaku**: Pooo!, kacikaci, dumburi, …
**Imigereka**: kera, hepfo, …
**Amarangamutima**: yooo!, weee!, …

Twifashishije imbonerahamwe dusanga biteye bitya:

| | **UBWOKO** | **INGERO** |
|---|---|---|
| Amagambo ahinduka | **Amazina** | Kamanzi, Kigali, umuhungu, abahungu,… |
| | **Ntera** | nto, gito, bito, , … |
| | **Ibisantera** | Muhahano, gihahano, bihahano, … |
| | **Izina ntera** | umunini, kiza, … |
| | **Inshinga** | Bazavuga, muzavuga, naravuze, … |
| | **Ibinyazina** | Bange, twange, kange, bye, byacu, … |
| **Amagambo adahinduka** | **Ibyungo/Ibyunga** | na, no, nko, kandi, cyangwa, … |
| | **Imigereka/ingera** | vuba, kera, hakurya, … |
| | **Amarangamutima** | yooo! Pe!, … |
| | **Inyigana**rusaku | Pooo! Kacikaci!, |

# ISANISHA RY'AMAGAMBO MU NTERURO

## Isanisha ni iki?

Mu nteruro yubatse neza, dusangamo ijambo rihatse andi bityo andi akaryiyungaho akagirana isano na ryo. Iryo jambo rero rigenga **amasano,** iyini yo mpamvu baryita **ijambo ndangasano.** Naho amagambo afitanye isano na ryo afata **indangasano.**

**Urugero:**

- **Umugabo mu**nini **a**raboneka tura**mu**bona
- **Abahanga ba**kuru **ba**rahari tura**ba**zirikana.

**Buri jambo ryisanisha n'ijambo ngengasano ku giti cyaryo bitewe n'ubwoko bwa ryo.**

## NI AYAHE MATEGEKO AGENGA ISANISHA?

1. Isanisha ry'amagambo mu nteruro rigomba kubahiriza inteko y'ijambo ngengasano.
2. Amagambo yose ahinduka yisanisha n'ijambo ngengasano kandi arikomoraho indangasano ku buryo bwubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

Urg:

| Isanisha rikozwe nabi | Isanisha rikozwe neza |
|---|---|
| Akaguru kibi | Akaguru kabi |
| Iriba kagari | Iriba rigari |
| Ibigori bune | Ibigori bine |

## Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo

**bitandukaniye he?**

Ububonezamvugo bw'interuro bushingira ku mategeko y'isanishwa ry'amagambo ayigize.Interuro mbonezamvugo ni interuro ivugitse neza kandi ikaba yubahiriza amategeko y'isanisha, naho interuro nyobyamvugo yo ni interuro ivugitse nabi kandi ikaba itubahiriza amategeko y'isanisha nk'uko tubibona mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Interuro nyobyamvugo** | **Interuro mbonezamvugo** |
|---|---|
| Umwana heza karavuga neza nk'ibifite imyaka myinshi | Umwana mwiza aravuga neza nk'ufite imyaka myinshi |
| Abagabo kinini haraje | Abagabo banini baraje |
| Imirima byatengutse kose. | Imirima yatengutse yose. |

## UMUTWE WA 5: UBUZIMA

## UMUVUGO: MUZE TWAMBARIRE URUGAMBA.

### Inyunguramagambo

**Iracyasheze:** iracyafite ubukana.
**Icyuho:** uburyo.

### Inshoza n'uturango by'umuvugo

### Umuvugo ni iki?

Ni igihangano cy'ubuvanganzo gihanganye injyana nogeramatwi, cyandikwa mu mikarago gikunze kugaragaramo isubirajwi n'isuburajambo.

### Ni utuhe turango tw'umuvugo?

a) **Injyana**: ni uburyo amajwi aba yubakitse, ku buryo arema ururirimbo nogeramatwi.
b) **Imikarago:** interuro.

c) **Ikeshamvugo**: uburyo bwo kunoza ururimi, bahitamo amagambo meza ndetse bakayakurikiranya neza.
d) **Imvugo izimije:** imvugo ishushanya.

## NI AYAHE MOKO Y'IMYANDIKO

| **UMWANDIKO** | **INSHOZA** | **UTURANGO** |
|---|---|---|
| Umwandiko ntekerezo | • Ni umwandiko mpimbano, aho uwandika ahera ku nsanganyamatsiko runaka akayihuza n'ibyo abona, cyangwa atekereza ko byabaho. | • Umuntu atanga ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko runaka maze uzasoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana.<br>• Mu gusobanura ingingo, uwandika ashobora kwifashisha **ibyo yasomye, ibyavuzwe n'abahanga cg inararibonye mu byo avugaho.** |
| Umwandiko mvugo shusho | • Ni umwandiko uvuga ikintu uko kiri, ku buryo uwusoma atari yabona icyo kintu ahita yumva neza imitere y'icyo kintu. | • . Utanga amakuru yose ku migaragarire y'ikivugwa. |
| Inkuru ngufi. | • Ni igihangano kigufi kigamije kubarira abandi ibyabaye. | • Ivuga ibintu nk'ibyabayeho kandi akenshi biba ari ibihimbano. |

| | | |
|---|---|---|
| | | • Igira abanyarubuga bake kandi ivuga ibishobora kubaho. |

## IMBATA Y'UMWANDIKO NTEKEREZO ITEYE ITE?

Imbata y'umwandiko ntekerezo igizwe n'ibice bine by'ingenzi: **umutwe, intangiriro, igihimba** n'**umusozo.**

### 1. Umutwe

**Umutwe** ni nk'ipfundo riba riri bupfundurwe mu mwandiko nyirizina.

**Umutwe w'umwandiko ntekerezo;**

- Ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru.
- Ucibwaho umurongo.
- Ukwiye kuba mugufi.

### 2. Intangiriro

Mu ntagiriro, uwandikaasobanura umutwe maze maze akavuga ibyo agiye kwandikaho mu magabo make cyane. Yifashishije ikibazo/ibibazo, umwanditsi atera amatsiko, maze ibyo bibazo bikaza gutangirwa ibisubizo mu gihimba.

Intangiriro igaragaramo ibintu bitatu by'ingenzi:

- Gusobanura insanganyamatsiko
- Kugaragaza ingingo nkuru uri buvugeho
- Kuvuga ikigamijwe mu buryo bushobor a kuba ikibazo kiziguye.

### 3. Igihimba

Bitewe n'ingingo umwanditsi ari butange, mu gika uwandika asobanura mu buryo burambuye ingingo runaka, akifashisha ingero zifatika, ku buryo amara umusomyi amatsiko. Mu gusobanura ingingo, uwandika ashobora kwifashisha **ibyo yasomye, ibyavuzwe n'abahanga cg inararibonye mu byo avugaho.**

### 4. Umusozo

Ni igice gisoza umwandiko, kigaragaramo ibintu bitatu by'ingenzi:

- Inshamake y'ibyavuzwe mu gihimba.

- Uruhande uwandika abogamiyemo (iyo insanganyamatsiko ibisaba)
- Inama umwanditsi yatanga afatiye ku byavuzwe mu mwandiko.

**Ikitonderwa:** Mu kwandika umusozo**,** uwandika yirinda**gukinga urugi** (kwerekana ko ibyo wavuze ari ihame ntawabivuguruza)

## IBIGANIRO MPAKA

Ni ibiganiro bigamije guhuza impande ebyiri zitari zihuje imyumvire ku ngingo runaka, binyuze mu guhererekanya ibitekerezo.

## NI BANDE BAGIZE IKIGANIRO MPAKA?

a. **Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko.**
b. **Uruhande rudashyigikira insanganyamatsiko.**
c. **Umuhuza/ umuyobozi w'ibiganiro mpaka.**
   - ✓ Inshingano z'umuhuza:
     Gusobanura insanganyamatsiko
     Gutanga umuronko ngenderwaho
     Gutanga uwanya w'amagambo
     Gufasha mu kumvikanisha impande zombie.
     Kugeza impande zombie ku mwanzuro.
     Gufasha mu kubahiriza igihe.
   - ✓ Umuhuza agomba kuba:
     Ari inararibonye
     Azwiho kwihangana.
     Ashobora kuvuga rikumvikana.
     Azwiho kutabogama.

d. **Indorerezi.**
e. **Abakemurampaka.**

## UMUTWE WA 6: UMUCO W'AMAHORO.

## NTERA

## Ntera ni iki?

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rikagaragaza; imico, imiterere, cyanngwa inga no y'iryo zina, igafata indanganteko ho indangasano.

## <u>NI UTUHE TURANGO TWA NTERA?</u>

- Igaragaza imiterere, imico, cyangwa ingano y'izina igaragiye.
- Iteka igaragira izina (ntijya igenda yonyine).
- **Rs** ya ntera isa n'**Rt** y'izina igaragiye.
- Mu igoragoza, **ntera** yakwinjira mu nteko zose z'amazina uko ari 16.

<u>**Ingero:**</u>

- Ubona ubusitani <u>**bwiza**</u> cyane n'uduhanda <u>**dutoduto**</u>.
- Aka kana <u>**keza**</u> kavuga indimi <u>**nyinshi**</u>.
- Fata amakara <u>**make**</u> ushyire ku mbabura.
- …

## <u>Intego ya ntera iteye ite?</u>

Mu igoragoza rikozwe neza, igice cya ntera kigenda gihindagurika kitwa **indangasano(Rs),** naho ikidahindagurika kikitwa **igicumbi (C).**

<u>**Urg:**</u>

- Umugabo <u>mu</u>**nini**
- Abagabo <u>ba</u>**nini**
- Ikigabo <u>ki</u>**nini**
- Urugabo <u>ru</u>**nini**
- …

Hashingiwe ku rugero dufite hejuru, dusanga ntera igira **Indangasano 16** zikurikira: <u>**mu**</u>**,** <u>**ba**</u>**,** <u>**mu**</u>**,** <u>**mi**</u>**,** <u>**ri**</u>**,** <u>**ma**</u>**,** <u>**ki**</u>**,** <u>**bi**</u>**,** <u>**n**</u>**,** <u>**n**</u>**,** <u>**ru**</u>**,** <u>**ka**</u>**,** <u>**tu**</u>**,** <u>**bu**</u>**,** <u>**ku**</u>**,** <u>**ha**</u>**.**

Naho ibicumbi byayo bikaba **makumyabiri na kimwe**:

1. –bi
2. –bisi
3. –gari
4. –gufi
5. –hire
6. –inshi(-yinshi)
7. –iza
8. –ke
9. –kuru
10. –nini
11. –re-re
12. –sa
13. –shya(-shyashya)
14. –tagatifu
15. –taraga
16. –zima
17. –to(-toya)
18. –toto
19. –to –to
20. –tindi
21. –nzinya, -nzunya, …

## AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI AJYANYE NA NTERA

Kuko ntera igira uturemajambo tubiri gusa (**Rs-C**) kandi **Rs** ikaba isa na **Rt** y'izinaigaragiye, bityo rero **amategeko y'igenamajwi akoreshwa kuri ntera asa rwose n'akoreshwa ku izina.**

**Ingero:**

| Ntera | Intego | Amategeko |
|---|---|---|
| mwiza | mu-iza | u→w/-j |
| benshi | ba-inshi | a+i→e |
| gato | ka-to | k→g/-gr |

## IZINA NTERA NI IKI KANDI SE RITEYE RITE?

**Izina ntera** ni ijambo rifite intego nk'iy'izina(**D-Rt-C**) ariko rikagaragaza imico, imiterere cyangwa ingano y'izina ryasimbuye.

Mbese **izina ntera** ni ntera yafashe indomo.

**Urg:** Nabonye abana benshi,**umuto** muri bo ararwaye.
**Abarebare** bahagarare inyuma, **abagufi** imbere.

## IGISANTERA NI IKI?

Igisantera ni ijambo rigaragira izina, rikagaragaza; imico, imiterere, cyanngwa ing no y'iryo zina ariko ntiryisanisha n'iryo zina.

**Ingero:** Umuco **nyarwanda**
Ikigo **nderabuzima**
Ikita **rusange**.

| **INSHAMAKE KURI NTERA, IZINA NTERA N'IGISANTERA** |
|---|
| Iyo uebye ku mumaro wabyo mu nteruro, **ntera, izina ntera n'igisantera**byose usanga ari imfutuzi ku izina. Mu rwego rw'intego ho rero ntibisa: kuko **ntera: Rs-C, izina ntera: D-Rt-C** naho **igisantera** gishobora kugira intego zitandukanye bitewe n'aho cyakomotse. |

## IHINAMWANDIKO

Ihinamwandiko ni ubuhanga bucengera umwandiko maze ukawusubiramo mu magambo make udatakaje ingingo z'ingenzi za wo. Umwandiko wahinwe witwa inshamake.

### Ni izihe ntambwe ziterwa ngoihinamwandiko rikorwe neza?

1. Gusoma umwandiko inshuro zirenze imwe.
2. Kurobanuramo ingingo z'ingenzi.
3. Kumenya ingingo z'ingenzi.
4. Gukurikiranya za ngingo z'ingenzi.
5. Kwandika impine hongerwamo amagambo yunga ibika n'imvugo ziboneye.
6. Kwandikura ibyo wakoraga ku rupapuro rwiza.

## NI IBIKI BIKWIYE KWIRINDWA MU IHINAMWANDIKO?

Niba uri guhina umwandiko irinde:

1. Kwandikura interuro cyangwa igika uko cyakabaye.
2. Kwivugira ibitekerezo byawe bwite, kabone n'iyo waba utemeranywa n'uwanditse umwandiko uri guhina.
3. Gukoresha ngenga ya mbere.

# IGIHEMBWE CYA 3

## UMUTWE WA 7: ITUMANAHO

Itumanaho ni uburyo abantu bakoresha bwo kugezanyaho amakuru igihe batari kumwe ngo baganire bisanzwe

### Ibaruwa isanzwe ni iki?

Ibaruwa isanzwe cyangwa ibaruwa ya gicuti, ni urwandiko umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe se cyangwa inshuti agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru.
Kuko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga by'ingenzi, nta kurondogora.

### Ni ibiki biranga ibaruwa isanzwe?

**Ibaruwa isanzwe igomba kugaragaza ibi bikurikira:**

**a)** Amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.
**b)** Ahantu yanditse ari n'itariki.
**c)** Uwandikiwe (isano afitanye n'uwayanditse)
**d)** Indamutso
**e)** Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa.
**f)** Umusozo (ugaragaramo gusezera n'intashyo)
**g)** Izina ry'uwanditse n'umukono we.

### Imbata y'ibaruwa isanzwe

Amazina y'uwanditse Ahantu, itariki yandikiweho
Aho uwanditse abarizwa

Ijambo rivuga uwandikiwe n'isano bafitanye

Indamutso

……………………………..……………

Intangiriro
………………………………………………………………..………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………

Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa
………..………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………
……………………………………………………………………

Umusozo……………………………………………………………
…………………………………………………………………………

| |
|---|
| ………………………………………………<br>…………………………………………………………………………<br>…………………………………………………<br>…………………………………………………………………………<br>…………………………………………………<br><br>Ijambo rivuga isano uwanditse afitanye n'uwandikiwe.<br><br>Amazina y'uwanditse.<br>Umukono we. |

**Urugero:**

| |
|---|
| NSANZINEZA Alex Butamwa, ku wa<br>15 Mata 2017<br>College de Butamwa<br>B.P. 169 Butamwa<br><br>Ku mubyeyi wange nkunda cyane, |

Muraho neza!

Nejejwe no kukwandikira, mubyeyi nkunda, ngira ngo nkumenyeshe amakuru yange nyuma y'amezi abiri maze mu mashuri yisumbuye. Nagira ngo kandi nkubaze amakuru yo mu rugo kuko mbakumbuye cyane.

Muribuka ko nkimara kugera ku ishuri nari mfite ikidodo kuko ari bwo bwa mbere nari ngiye kuba ahatari iwacu. Ubu maze kumenyera pe! Amasomo aragenda neza. Sinibagirwa impanuro wampaye no kwirinda agakungu. Igihe cyo kwiga ngikoresha neza. Ubu amasuzumabumenyi yose twakoze narayatsinze bishimishije. Sindabona munsi y'amanota arindwi ku icumi. Ndizera ko indangamanota nzazana izabashimisha.

Makuru ki se yo mu rugo? Karigirwa amaze kumenyera ishuri? Ubu se asigaye ararana na nde? Nange kwiraza ku gitanda byabanje kuntonda, ariko naramenyereye. Nyogokuru se arorohewe ko nasize arwaye? Umuntahirize, kandi nawe nibigukundira uzanyandikire, umbwire amakuru, cyangwa uze kunsura ku cyumweru cya kabiri cy'ukwezi gutaha. Uzi ukuntu byanshimisha mbonye mama ahingutse ku ishuri!

Sinarangiza ntakubwiye kunsuhuriza papa, basaza bange bombi na ka Karigirwa uti: "Mutahe cyane, arabakumbuye byo gupfa, si we uzabona ibiruhuko bigera." Imana ibarinde.

Imfura yawe,

NSANZINEZA Alex

| |
|---|
| |

## Ubutumwa bugufi.

### Ubutumwa bugufi ni iki?

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu akora, yoherereza uwo yandikira amakuru cyangwa ayamusaba. Bugomba kuba burasa ku ntego kuko bugomba kuba bugufi.Uwandika agomba kuvuga ibiri ngombwa gusa.Bene ubu butumwa bukunze gukoreshwa kuri terefoni no kuri mudasobwa ifite interineti hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

Ingero z'ubutumwa bugufi:

– Uraho neza! Tubwirire abanyeshuri bifotoreje ku Murenge wacu ko indangamuntu
zabo zaje. Bazaze kuzifata ejo mbere ya saa sita.

– Wiriwe! Ba bashyitsi twari dutegereje barahageze, banguka umfashe kubakira.

– Kamana waramutse! Ko amasaha y'ikizamini ari hafi kugera, waba wageze ku
ishuri?

– Muraho neza Muyobozi! Mbwirira Karimba ko amafaranga y'ishuri nayanyujije
kuri konti y'ikigo. Ntazirirwe agaruka mu rugo.

## UMUTWE WA 8: IMYIDAGADURO

### IBISAKUZO

| IBISAKUZO | IBISUBIZO |
|---|---|

| | |
|---|---|
| 1. Mfite inka ni Rusimbukamigina.<br>2. Akari inyuma ya Ndiza urakazi ?<br>3. Nagutera icyo utazi utabonye<br>4. Nyiramakangaza ngo mutahe.<br>5. Intara za nyirabangana zingana zose<br>6. Gatimba araguye n’ingabo ze.<br>7. Sogokuru aryoha aboze<br>8. Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo<br>9. Igitabo cya Mutara ntawutagishengera<br>10. Bwiza bupfuye ubusa<br>11. Ihirike naraguharuriye<br>12. Nyirabugenge n’ubugenge bwayo<br>13. Nyirabugenge n’ubugenge bwayo<br>14. Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n’Imana yikoreye inyama<br>15. Ko undeba ndaguha ? | a) Ikibuguzo/igisoro<br>b) Ukwezi<br>c) Imodoka mu muhanda<br>d) Inkoko gucutsa itagira amabere<br>e) Imboni.<br>f) Isake<br>g) Ubukumi bwa so na nyoko<br>h) Igitoki n’amakoma.<br>i) Uruhu rw’imbwa<br>j) Inka kuba umukara igakamwa ayera<br>k) Imbeho ku rugi<br>l) Imyenge y’inzu<br>m) Isi n’ijuru<br>n) Umuneke.<br>o) Inyana iri mu nda ya nyina |

## Inshoza y’igisakuzo

Igisakuzo ni amagambo yumvikana mu buryo busanzwe ariko afubitse ingingoifindurwa n'umuhanga. Gusakuza ni umukino ukinwa n'abantu babiri bagateganaibisakuzo kandi bakabitegura.

Usakuza atangira agira ati: "Sakwesakwe!" Undi nawe akikiriza ati: "Soma". Uwabanje akavuga igisakuzo, ubajijwe agafindura igisubizoari byo bita kwica igisakuzo. Iyo uwasakujwe atabashije kukica, uwamusakujearamubwira ati: "Kimpe!" Uwananiwe gufindura igisubizo ati: "Ngicyo, kendecyangwa kice"Nuko akabwirwa igisubizo. Uwo mukino gakomeza basimburana.

### Uturango tw'ibisakuzo

Ibisakuzo ni interuro zumvikana ku buryo zifubitse ubuhanga bushushanya ikinturunaka kigomba gufindurwa n'uwo musakuza. Ibisakuzo bikoreshwa mu kwidagadura ariko bikanatoza gutekereza no gufata mu mutwe.

## URWENYA

### Inshoza y'urwenya

Urwenya ni agakuru karyoshye kandi gasekeje gakoreshwa cyangwa kanyuzwa mu kiganiro.

### Uturango tw'urwenya:

Urwenya ni inganzo igamije gusetsa abantu b'ingeri zose, ifatiye ku nkuru mpimbano zivuga ibintu byo mu buzima busanzwe ariko birimo ibisetso. Ibyo bisetso bishingiye cyanecyane ku buswa, ku buhubutsi, ku kumvirana, kwitiranya cyangwa ukutimenya umunyarubuga akorana ibikorwa byo mu nkuru, ku buryo uyumva atabura guseka. Ni inganzo ituma abantu baruhura ubwonko ariko inanenga imyitwarire idahwitse dore ko Umunyarwanda yavuze ngo: "Ukuri gushirira mu biganiro".

**Urugero rw'urwenya:**

mugabo yifatiye undi ati: «Ubu mvuye muri Amerika, u Burayi ndetse na
Aziya.» Ati: "Mbese ubu nta mugabane w'isi ntagezemo". Undi ati: «Ubanza
ugarutse uzi jewogarafi (geography) yose!» Uwabeshye ati: «Yababaaa, ubwo naba narajyanywe n'iki ntageze muri jewogarafi!»

## IBINYAZINA NYEREKA

**a)** Nabajije mugenzi wange uko **izo** ngoma zitwa.
**b) Turiya** duti batwita imirishyo.
**c)** Kera kabaye mbona **wa**mwenda ugiye wisunika.
**d) Ba** bakaraza bajyaga ejuru, bagakubitira rimwe ingoma.
**e)** N'**uyu** munsi iyo nibutse **icyo** gitaramo numva nshatse kukibona.

### Inshoza y'ikinyazina nyereka

Ikinyazina ni ijambo rihinduka, ricibwamo uturemajambo. Kijyana n'izina cyangwakikarisimbura kandi iyo kirisimbuye kikaba gifite umumaro umwe nk'uw'iryo zina.

**Ikinyazina nyereka ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa.**

Ikinyazina nyereka gishobora kwerekana ibintu biri ahantu hatandukanye akaba ari
yo mpamvu kigabanyijemo ibyiciro bitandatu bitewe n'aho icyo kerekana giherereye.
Hari ibifite ibicumbi ( - no, - o, - riya, - rya, - a. Hari n'ikindi gifite igicumbi - ϕ cyo ku
rwego rwa uyu, aba, iki...)

### Uturango tw'ikinyazina nyereka

**a) Ikiciro cya mbere**

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi cyane y'abavugana.Ibi binyazinantibigira igicumbi mu mwanya w'igicumbi bakoreshwa ikimenyetso "ϕ". Integoyacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi(ϕ). Mu mpine byandikwa muri ububuryo: **D – Rkz – ϕ.**

**Ingero:**

**– Iki** gitaramo kirashyushye.
**– Uyu** munsi.

**b) Ikiciro cya kabiri**
Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uvuga.Ibi binyazina bigira igicumbi –**no**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-no). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo:
**Rkz – C.**
**Ingero:**
**– Kino** gihe turimo igitaramo cyarahindutse.
**– Uno** mwana yanyuzwe

**c) Ikiciro cya gatatu**
Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uwo babwira. Ibi binyazina bigira igicumbi **– o**. Intego yacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (**- o**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – C.**
**Ingero:**
**–** Nibuka **icyo** gitaramo nkashaka kukireba.
**– Abo** bakaraza bikozaga ejuru.

**d) Ikiciro cya kane**
Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kitaruye abavugana bombi.Ibi binyazina bigira igicumbi **– riya**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**- riya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**
**Ingero:**
**– Turiya** duti twitwa imirishyo.
**–** Urabona **kuriya** kuntu intore zihamiriza!
**– Uriya** mukobwa abyina neza.

**e) Ikiciro cya gatanu**
Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba basanzwe baziranyeho cyangwa

se nanone baba barigeze kuvuganaho. Iki kinyazina kigira igicumbi – **rya**. Intego yacyo
ni indangakinyazina n'igicumbi (**- rya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

– **Zirya** mbyino zaratunyuze.

– **Irya** ngoma nto yitwa inyahura.

**f) Ikiciro cya gatandatu**

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba barigeze kuganiraho cyangwa kubonera hamwe. Ibi binyazina bigira igicumbi – **a**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**-a**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

**Ingero:**

– **Ba** bakaraza bikozaga ejuru.

– Mbona **wa**mwenda ugiye wisunika.

**Intego y'ikinyazina nyereka**

Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi; icyakora ibinyazina byo mu kiciro cya mbere bigira indomo, indangakinyazina n'igicumbi -ϕ naho ibyo mu kiciro cya gatatu bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

**Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka**

| Inteko | ϕ | - no | - o | - riya | - rya | - a |
|---|---|---|---|---|---|---|
| nt. 1 | uyu | Uno | uwo | uriya | Urya | wa |
| nt. 2 | aba | bano | abo | bariya | barya | ba |
| nt. 3 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| nt. 4 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 5 | iri | rino | iryo | ririya | rirya | rya |
| nt. 6 | aya | ano | ayo | ariya | arya | ya |
| nt. 7 | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cya |
| nt. 8 | ibi | bino | ibyo | biriya | birya | bya |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| nt. 9 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 10 | izi | zino | izo | ziriya | zirya | za |
| nt. 11 | uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwa |
| nt. 12 | aka | kano | ako | kariya | karya | ka |
| nt. 13 | utu | tuno | utwo | turiya | turya | twa |
| nt. 14 | ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwa |
| nt. 15 | uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwa |
| nt. 16 | aha | hano | aho | hariya | harya | ha |

**Ikinyazina nyereka mpamya**

Ibinyazina nyereka byo mu itsinda **uyu, uriya, uwo**... bishobora kwifashisha akaremajambo ng- gashobora gufata inyajwi isa n'iyo ku ndangasano mu gihe nta ndomo icyo kinyazina gifite. Ako karemajambo gafite inyito ihamya ni yo mpamvu byitwa mpamya.

**Ingero:**

| | | |
|---|---|---|
| Nguyu: | ng - u – yu – ϕ | Nta tegeko. |
| Ngiki | ng - i – ki - ϕ | Nta tegeko. |
| Nguriya | ng – u – riya | u→ϕ/-J |
| Ngikiriya | ngi – ki - riya | Nta tegeko. |
| Nguwo | ng - u – u – o | u→w/-J |
| Ngicyo | ng - i – ki – o | i→ y/-J; ky→ cy mu nyandiko |

**Ikitonderwa:**

Ibinyazina bifite ibicumbi -no, -ryo na -a ntibyemera gukorana n'aka karemajambo
(ng-). Ingero: Ntibavuga: ngurya, nguno...

## IBYIVUGO

### Uturango tw'ibyivugo:

Ikivugo kirangwa nuko umuvugo umuntu yiratamo ubutwari cyangwa akamaro yagize.Ibikorwa bivugwamo bishobora kuba byarabaye cyangwa ari ibihimbano.Ikivugo kivugwa umuntu asukiranya amagambo kandi afatiye agakoni mu kirere yiyereka umubyimba.Umuntu ashobora kwihimbira ikivugo cyangwa akagihimbirwa n'undi abisabye.Ku byerekeranye n'ikeshamvugo, usanga ibyivugo byiganzamo isubirajwi

n'isubirajambo kandi bigakoreshwamo amagambo y'indobanure. Kubera ko uyu munsi ikigambiriwe atari ukurasanira Igihugu ku rugamba ruvusha amaraso; ahubwo ari ukukirasanira ku rugamba rw'iterambere n'urwo kwiheshaagaciro, ibyivugo by'ubu byagombye kubamo amagambo y'indobanure aganisha ku
bikorwa byo kurwanya no kwivana mu bukene no guharanira ko
n'abandi babigeraho,ndetse n'aganisha ku byo kwimakaza
indangangaciro z'umuco wacu.

**Urugero rw'ikivugo cy'ubu:**

Imena mu baterura isuka ya Rudasigarinyuma mu bashaka iterambere,
Ndi indongozi mu bashaka inyungu,
Inyamibwa mpimbaza amabanki,
Nshore nunguke nayigize intego.
Sinzarira mu kazi, inzangano n'amatiku nabigize ikizira,
Nzira abanebwe babunza amagambo,
Aho gushaka akazi ngo biteze imbere.
Nahinze amasaka amasoko aransingiza,
Abana bati: «Imena ya Rudasigarinyuma atumye tumera neza,
Nti: «Nimuhumure ndacyasizanira kugeza ibiribwa ku masoko
N'ibitari amasaka bizahasesekara.»
**Cyahimbwe na Hagumuburame bwa Mukurira**

## Uturingushyo

**Imfura**

Imfura ni iyo musangira ntigucure
Mwajya inama ntikuvemo,
Waterwa ikagutabara
Wapfa ikakurerera,
Kuba ukize ntusuzugure ukennye
Wasonza ntiwibe.

**Ibitotsi**

Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago,
Usinzira utiziguye

Uwazindutse akagusumbya akantu!
Ijoro ni intati, rikaba intambara,
Ryageza igihe k'igicuku rikagucuragiza,
Impyisi igatera, umurozi akaza!

**Ibijumba**
Imbuto ya mbutuye abahange ya nyiramirenzo,
Iyo mbuto iramamaye mu kotswa!
Bayirimira intebu,
Bakayikura mu ntaba,
Bakayuzuza mu ntebo,
Ikava ikuzimu yirabye inzarwe,
Igatsinda inzara y'abana,
Igasibya ba nyina gusya!

**Ubukene**
Ese umpoye iki ruhu rwange?
Ko amambere twajyanye i Nyabitare,
Watanyuka nkaguteza ikiremo,
Gusaba uwo munganya ububabare,
Ni ugusiga irembo ugaca mu cyanzu
Inzoga ya ngeso yanga ababo,
Aho kuyivumba nzayiva hambavu!

## Uturango tw'uturingushyo

Uturingushyo turangwa n'utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko ukuri bafite ku mutima bakakuvugira muri ayo mashyengo. Dutoza abana gufata mu mutwe no kumenya kuvuga badategwa kandi bagaragaza isesekaza.

## AMAGORANE

Amagorane ni imvugo yuje isubirajwi ikoresha amagambo y'indobanure maze
kuyakurikiranya bikagorana, cyane iyo uyavuga ashatse kuyasubiramo yihuta. Uko

kugorana bayavuga ni byo bituma bayita amagorane.

**Ingero:**

**1.** Isha y'umushi y'ishashi ishotse icitse ijosi.
**2.** Ta izo njyo uze urye izi nzuzi.
**3.** Buri muntu asanzwe azi ijwi rye.
**4.** Birazwi ko Karisa arusha se ijwi.
**5.** Imbogo irarisha imboga imbere y'ingoro y'umwami.
**6.** Ejo nishe ibibiribiri bibiri
None nishe ibibiribiri bibiri
Hari umugabo wo kwica ibibiribiri bibiri
Bya Nyirabibiribiribibiri.
**7.** Genda Ruri uri Ruri.
**8.** Ibibiribiri bibiri bya nyirabibiri biri mu murima wa Mubirigi.
**9.** Maze amata masa amaze amasaha.

## Uturango tw'amagorane

Amagorane arangwa n'interuro zubatse ku buryo amagambo azigize yenda gusa mu
mivugirwe kandi akagenda asimburana ku buryo kuvugishwa byoroshye. Kuyavuga
neza bisaba kugororokerwa mu bwonko. Agamije gutoza umuntu gufata mu mutwe
no kudategwa mu magambo.

| |
|---|
| Muri uyu mutwe wa munani harimo imyandiko iganisha ku nsanganyamatsiko y'imyidagaduro. Bigaragara ko imikino n'imyidagaduro ari ngombwa mu buzima bw'umuntu. Muri uyu mutwe kandi dusangamo ibisakuzo bifasha gufindura no gufata mu mutwe. Dusangamo kandi urwenya rufasha abantu gusabana baseka, ariko kandi no kunenga ibitagenda neza bikaziramo. Harimo nanone ibyivugo, uturingushyo, amagorane byose bikaba inganzo zibumbatiye umuco wo gutarama mu Kinyarwanda dutoza abantu kuvuga neza no gufata mu mutwe. Muri uyu mutwe dusangamo ikinyazina nyereka. Ikinyazina nyereka kigira ibyiciro bitandukanye biri mu nzego: uyu, uno, uwo, uriya, urya na wa. |

# UMUTWE WA 9: ITERAMBERE RY'URUGO

## UBUTINDE BW'IMIGEMO

### Inshoza y'umugemo

Iyo umuntu avuze ijambo yitonze, yiyumvisha ibice bigize iryo jambo, kuko buri gice
cyumvikana kivuzwe inshuro imwe ishyitse. Igice kimwe mu bigize ijambo kitwa
umugemo. Umugemo ushobora kuba inyajwi iyo itangira ijambo. Ariko ingombajwi,
n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo batabitwereye inyajwi. Bityo rero usanga
inyajwi ari yo shingiro ry'umugemo.

**Urugero:**

– Umugabo **u/mu/ga/bo** iri jambo rifite imigemo ine.
– Impaka **i/mpa/ka** iri jambo rifite imigemo itatu.

**1.** Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. Uno muntu **umuzi** hehe ?
**2. Utaka** ubabaye / **Utaka** inzu ngo ise neza.
**3. Ibaze** ikibazo maze wisubize / Ino nkoko **ibaze** neza, ntikurushya kuyiteka.

### Gusoma imigemo itinda

Mu kinyarwanda, umugemo ushobora kuvugika ubangutse cyangwa utinze. Ni
ukuvuga ko aho umugemo ubangutse batahatinda ariko aho umugemo utinda
n'ubundi ijwi usanga rihatinda. Uku gutinda cyangwa kubanguka kw'inyajwi
z'imigemo igize ijambo ni byo mu Kinyarwanda bita **ubutinde**.

**Urugero:**

– **Inkoranya:** imigemo igize iri jambo nta n'umwe utinda; imigemo yose
irabangutse.
– **Urukundo:** mu gusoma iri jambo byumvikana ko ijwi ribanguka kuri **u** na **ru**
twagera kuri **kuu** tugatinda maze kuri **ndo** nabwo ijwi rikabanguka.
– **Umwambi:** muri iri jambo birumvikana ko umugemo wa kabiri utinda.

## Kwandika imigemo itinda

Mu nyandiko ya gihanga, umugemo ubanguka wandikwa n'inyajwi imwe naho utinda
ukandikwa n'inyajwi ebyiri.

**Urugero:**

– Inkoranya
– Urukuundo
– Umwaambi

Mu kinyarwanda amagambo ashobora guhuza ishusho cyangwa imisusire, ariko
ntahuze ibisobanuro biturutse ku kudahuza ubutinde bw'imigemo.
Urugero:
– Gutara (ibitoki) ≠ gutaara (amakuru)
– Guhuma (amaso) ≠ guhuuma (kw'impyisi)
Ubutinde n'imigemo bifite agaciro kuko imihindagurikire yabyo ishobora gutuma
igisobanuro k'ijambo gihinduka. Twibuke ko mu Kinyarwanda:
– Umugemo ubangutse wandikwa n'inyajwi imwe.
**Urugero:** umuriro, akagabo, urugo, ikibonezamvugo
**– Umugemo utinda wandikwa n'inyajwi ebyiri zisa.**

**Urugero:**

Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. **Umuzi**
Uno muntu **umuzi** hehe ? **Umuuzi**.

**Utaka** ubabaye. **Utaka**.

**Utaka** inzu ngo ise neza.     Ut**aa**k**a**.

## IKINYAZINA NGENERA

### Inshoza y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera cyunga ijambo n'irindi. Kibumbatiye inyito yo gutunga, kugira,
guteganyiriza no kugenera, kugaragaza ubwoko cyangwa inkomoko, imiterere
cyangwa imimerere, guhamya no kubara.

**Ingero :**

Umwuzukuru **wa**Madandi azi guteka imboga. (Kugira: Madandi afite umwuzukuru)
Kayitesi ni umukobwa **w**'Umunyarwandakazi. (Inkomoko: Kayitesi akomoka mu Rwanda).
Kayitesi ni umukobwa **w**'umuhanga. (Imimerere: Kayitesi ni umuhanga).
Gasarabwe ni umwana **wo** mu cyaro. (Inkomoko: wo mu cyaro).

### Uturango tw'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera kirangwa no kwisanisha n'izina gifata inteko yaryo.

**Ingero :**

Umwuzukuru **wa**Madandi. (nt. 1)
Abuzukuru **ba** Madandi.(nt. 2)

Intego y'ikinyazina ngenera igizwe ahanini n'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni: Rkz – C ariko kubera ko ikinyazina ngenera gifata indomo iyo gisimbuye izina, gishobora no kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine D – Rkz – C

– Iyo tugoragoje ikinyazina ngenera dusanga gifite ibicumbi bibiri: **-a** na**-o.**

**Ingero Rkz – C Amategeko y'igenamajwi Inteko**

Dore akarima **ka** karoti. ka-a a→Φ/-J nt. 12
Dore umurima **wa**karoti u-a u→w/-J nt. 3
Dore imirima **ya** karoti. i-a i→y/-J nt. 4

## Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera

| Inteko | Igicumbi - a | Igicumbi – o | Byafashe indomo | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | wa | wo | uwa | uwo |
| 2 | ba | bo | aba | abo |
| 3 | wa | wo | uwa | uwo |
| 4 | ya | yo | iya | iyo |
| 5 | rya | ryo | irya | iryo |
| 6 | ya | yo | aya | ayo |
| 7 | cya | cyo | icya | icyo |
| 8 | bya | byo | ibya | ibyo |
| 9 | ya | yo | iya | iyo |
| 10 | za | zo | iza | izo |
| 11 | rwa | rwo | urwa | urwo |
| 12 | ka | ko | aka | ako |
| 13 | twa | two | utwa | utwo |
| 14 | bwa | bwo | ubwa | ubwo |
| 15 | kwa | ko | ukwa | uko |
| 16 | ha | ho | aha | aho |

## IKINYAZINA NGENGA

**a)** Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara.
**b)** Kayitesi **we** asobanukiwe akamaro k'imboga.
**c)** Akarima k'igikoni **ko**gatuma imboga rwatsi ziribwa zigisoromwa.
**d)** Abanyamugi, ntawurya imboga nka **bo**.
**e)** **Nge** na**we** ntidusa n'abatarya imboga.

**f)** Imboga zera ahantu **hose** mu Rwanda.
**g)** Iyo ifumbire ishize mu karima k'igikoni umuntu yongera**mo** indi.

## Inshoza y'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagararira nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa
nyakuvugwa risobanura ibyo ari byo. Iyo ryerekeza kuri nyakuvuga cyangwa
nyakubwirwa riterurwa n'indangangenga, ryakwerekeza kuri nyakuvugwa rikajya
mu nteko zose.

**Ingero :**

**– Nge** na**we** ntidusa n'abatarya imboga.
**Nge ( n-gi-**e**):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere y'ubumwe.
**We (u** –e**)**: iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe.
**–** Akarima k'igikoni **ko**gatuma imboga ziribwa zigisoromwa.
**ko (ka-o):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya 3 mu nteko ya 12.

## Uturango tw'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bibiri :**-e,** na **–o**.

**Igicumbi - e**

**Ingero :**

Ng 1 mu bumwe: nge
mu bwinshi: twe
Ng 2 mu bumwe: wowe
mu bwinshi: mwe
Ng 3 nt.1: we

**Igicumbi – o**

Iki gicumbi gikoreshwa muri ngenga ya gatatu kuva ku nteko ya 2 kugera ku nteko
ya 16.

**Ingero:**

ng 3 nt. 2: Bo ndababona.
ng 3 nt. 3: Wo ndawuhinga.

ng 3 nt. 8: Ibibindi byo biravoma.
ng 3 nt. 10: Inka zo zirarisha.
ng 3 nt. 16: Ho ndahajya.

## Intego y'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kigira intego y'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine Rkz – C

**Ingero:**

| Inteko cyangwa ngenga | Interuro | Uturemajambo (intego) | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| ng 1 bu | Ni **nge** uzi guteka imboga ziryoshye. | n-gi-**e** | i→ф/-J |
| ng 2 bu | Na**we** ugomba kurya imboga. | u-**e** | u→w/-J |
| ng 1 bw | Si **twe** tudafite akarima k'igikoni. | tu-**e** | u→w/-J |
| ng 2 bw | **Mwe** ntimuzi gukora akarima k'igikoni. | mu-**e** | u→w/-J |
| ng3 nt. 1 | Kamana **we** yanga kurya imboga ra! | u-**e** | u→w/-J |
| nt. 2 | Abafite akarima k'igikoni ni **bo** barya imboga zuzuye. | ba-**o** | a→ ф/-J |
| nt. 3 | Umwungu na **wo** ubarirwa mu mboga. | u-**o** | u→w/-J |

| | | | |
|---|---|---|---|
| nt. 4 | Imirima si **yo** y'ibura, habura ubushake bwo gutera imboga. | i-**o** | i→y/-J |
| nt. 5 | Idegede na **ryo** ni uruboga. | ri-**o** | i→y/-J |
| nt. 6 | Amababi y'imyumbati ni **yo** avamo imboga zitwa isombe. | a-**o** | a→y/-J |
| nt. 7 | Igihepfu na **cyo** ni uruboga. | ki-**o** | i→y/-J<br>ky→cy<br>mu nyandiko. |
| nt. 8 | Imboga n'imbuto nta kiryoha nka **byo**. | bi-**o** | i→y/-J |
| nt. 9 | Isogi ni **yo** ruboga rwa gakondo kimwe na dodo | i-**o** | i→y/-J |
| nt. 10 | Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara. | zi-**o** | i→ф/-J |
| nt. 11 | Urutoryi na **rwo** ruri mu mboga. | ru-**o** | u→w/-J |
| nt. 12 | Akaboga **ko** ntikabaririrwa mu mboga rwose. | ka-**o** | a→ф/-J |
| nt. 13 | Utu tuboga ni **two** tundyoheye. | tu-**o** | u→w/-J |
| nt. 14 | Ubututu na **bwo** ni imboga. | bu-**o** | u→w/-J |
| nt. 15 | Ukuboko k'umutetsi ni **ko** kuryoshya imboga. | ku-**o** | u→ ф/-J |
| nt. 16 | Aha hantu ni **ho** twatera imboga rwatsi. | ha-**o** | a→ ф/-J |

## Ikinyazina ngenga gifatanye n'umusuma

Ikinyazina ngenga gishobora kwiyomekaho umusuma ufite inyito yo gusobanura. Imisuma ishobora kwiyomekaho ni : - we, - bwe, - nyine ,- mbi,- se. Imisuma ntabwo igira intego.

**Ingero :**

| | | |
|---|---|---|
| Wowe uraza: | u – o – we | u→ w/-J |
| Ibiti byombi: | bi – o –mbi | i→ y /-J |
| Muze mwenyine: | mu – e –nyine | u→ w/-J |
| Baje bose: | ba – o – se | a → ф /-J |

**Imbonerahamwe z'ikinyazina ngenga mpamya**

| Ngenga/ inteko | Ikinyazina | Icyongeweho **–se** | Icyongeweho **–nyine** | Icyongeweho **–mbi** | Icyongeyeho **–we/-bwe** |
|---|---|---|---|---|---|
| ng 1 bu | (n)ge | - | (n)genyine | - | (n)ge**we** |
| ng 2 bu | we | wese | wenyine | - | wowe |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| ng 1 bw | twe | twese | twenyine | twembi | twebwe |
| ng 2 bw | mwe | mwese | mwenyine | mwembi | mwebwe |
| ng3 nt. 1 | we | wese | wenyine | - | - |
| nt. 2 | bo | bose | bonyine | bombi | - |
| nt. 3 | wo | wose | wonyine | - | - |
| nt. 4 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 5 | ryo | ryose | ryonyine | - | - |
| nt. 6 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 7 | cyo | cyose | cyonyine | - | - |
| nt. 8 | byo | byose | byonyine | byombi | - |
| nt. 9 | yo | yose | yonyine | - | - |
| nt. 10 | zo | zose | zonyine | zombi | - |
| nt. 11 | rwo | rwose | rwonyine | - | - |
| nt. 12 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 13 | two | twose | twonyine | twombi | - |
| nt. 14 | bwo | bwose | bwonyine | bwombi | - |
| nt. 15 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 16 | ho | hose | honyine | hombi | - |

# IHEREZO